UMWIHERERO W'ABACAMANZA B'URUKIKO RW'IKIRENGA N'AB'URUKIKO RUKURU WABEREYE I RUBAVU KUVA KUWA 25 KUGEZA KUWA 29 UGUSHYINGO 2008

Kuva kuwa 25 kugeza kuwa 29 Ugushyingo 2008, abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko Rukuru rwa Repubulika bari mu mwiherero i Rubavu mu rwego rwo kungurana ibitekerezo no gufatira umwanzuro bimwe mu bibazo by'amategeko biboneka mu icibwa ry'imanza.

Uwo mwiherero wafunguwe na Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ucumanza. Mu ijambo rye rifungura umwiherero, yibukije abitabiriye umwiherero ko ari umwanya wo kungurana ibitekerezo ku bibazo by'amategeko abacamanza, cyane cyane ab'Inkiko zo hasi bahura nabyo mu rwego rwo kugaragaza umurongo inkiko zikwiye kugenderaho mu gufata ibyemezo mu manza. Uwo murongo ngenderwaho ukazakemura ibibazo bikunze kuboneka aho mu rukiko rumwe hashobora kubonaka ibyemezo bitandukanye ku kibazo kimwe runaka cyangwa hakaba agasigane hagati y'urukiko n'urundi rukuriye.

Yagaragaje kandi ko imyanzuro izava muri uyu mwiherero izafasha mu gukemura ibibazo bijya biboneka mu mategeko ategurwa muri ibi bihe byo kubaka inzego z'ubutabera, aho usanga hari ibibazo bitabonewe ibisubizo mu mategeko cyangwa ibiteganywa n'amategeko ntibyumvikane neza kubera imyandikire, ihindurwa mu zindi ndimi cyangwa bitewe n'uruhurirane rw'amahame y'amategeko avanwa muri "system" z'amategeko zitandukanye.

Mu ijambo rye, Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, yibukije abacamanza bari mu mwiherero ko bakwiye kuba intangarugero ku bacamanza b'Inkiko zo hasi, bakagira leadership igaragarira mu gufata ibyemezo binoze, mu kwitabira akazi no kugakorana umurava n'ubwitange nta kubara amasaha, bityo bakabera icyitegererezo abacamanza bakuriye, bazirikana ko "umwera uturutse ibukuru ukwira hose".

Nyuma y'ijambo rya Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, abari mu mwiherero bagejejweho ibiganiro binyuranye.

> Ikiganiro cya mbere cyekerekeye imigendekere y'iburanisha ry'imanza, cyatanzwe na MUGENZI Louis Marie, umucamanza mu Rukiko

rw'Ikirenga. Abari mu mwiherero bakaba barongeye kwibukiranya ku mahame agenga iburanisha ryaba iry'imanza mbonezamubano cyangwa imanza nshinjabyaha, uko iburanisha ritegurwa n'uko riyoborwa, iby'amategeko ndindamvururu mu iburanisha n'uburyo umucamanza akwiye kuyashyira mu bikorwa, uburyo bwo gufata icyemezo nyuma y'iburanisha n'uburyo urubanza rwandikwa.

Ikiganiro cya kabiri cyari kijyanye n'ingoboka mu rubanza, cyatanzwe na KAYITARE Jean Pierre, Intumwa Nkuru ya Leta yungirije. Muri icyo kiganiro habaye kwibukiranya ku bwoko bw'ingoboka zose zishobora kuvuka mu rubanza, uburyo izo ngoboka zikemurwa n'Urukiko rubibifitiye ububasha n'isano cyangwa ingaruka zishobora kugira ku rubanza remezo.

Ikiganiro cya gatatu cyari kijyanye n'imiburanishirize yihariye mu gukemura ibibazo byihutirwa, cyatanzwe na MUTASHYA Jean Baptiste, umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga. Muri icyo kiganiro abari mu mwiherero bagize umwanya wo kwibukiranya ibisabwa kugira ngo hatangwe ibirego byihutirwa mu manza mboneza mubano n'uburyo ibyo birego biburanishwa n'Inkiko cyangwa n'umucamanza ubifitiye ububasha. Bibukiranije kandi amahame agenga iburanisha ry'imanza ku ifungwa n'ifungurwa ry'ukekwaho icyaha.

Nyuma y'ibyo biganiro, abari mu mwiherero bafashe igihe cyo kungurana ibitekerezo mu matsinda ku bibazo by'ingenzi bikunze kuboneka mu miburananishirize y'imanza n'ububasha bw'Inkiko. Bamaze gusesengura ibiteganywa n'amategeko, cyane cyane Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubanano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorerere n'ububasha by'Inkiko n'Itegeko Ngenga rigenga Urukiko rw'Ikirenga, abari mu mwiherero bafashe imyanzuro ku bibazo bikurikira:

1. Uburyo bwo kuregera inkiko yaba ku bantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe;

2. Gukemura ikibazo cy'itinda ry'imanza biturutse ku baburanyi cyangwa ababahagarariye, ibibazo by'inzitizi n'ingoboka mu manza n'agasigane k'inkiko gashingiye ku bubasha bwazo;

3. Kumenya ibishingirwaho mu gutandukanya, kwakira no kuburanisha ibirego binyuranye byihutirwa biboneka mu manza z'imbonezamubano;

4. Uburyo impaka zivutse mu irangizwa ry'imanza ndetse no mu irangizwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inkiko Gacaca na Komite z'Abanzi zikemurwa;

5. Uburenganzira uwakorewe icyaha afite bwo gukurikirana mu Nkiko indishyi zigikomokaho;

6. Inkiko zifite ububasha bwo kuburanisha imanza zirimo Leta n'ibigo byayo n'ibisabwa kugira ngo ibyemezo by'ubutegetsi biregerwe Inkiko;

7. Uburyo bwo gukemura ibibazo bivuka mu mikoreshereze y'amategeko agenga ifunga n'ifungurwa.

Abari mu mwiherero biyemeje, nk'abacamanza b'Inkiko zikuriye izindi, kurushaho kuba ikitegererezo cy'abandi bacamanza bagenzi babo mu myitwarire no mu gukorana umurava n'ubwitange kugira ngo hatangwe ubutabera bunoze.

Abari mu mwiherero bifuje ko umwiherero nk'uyu waba kenshi mu rwego gukomeza kungurana ibitekerezo ku mategeko no gufata ingamba ziteza imbere umwuga w'ubucamanza n'ubutabera nk'inkingi y'iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu.

Rubavu, kuwa 29/11/2008